



Overcomers Refugee Services

educate • empower • engage

## UMUNSI WA MATORA NI KURI TARIKI 3 ZU KWA 11, ARIKO UBU ABANTU ABANTU BATANGIYE GUTORA .KANDI UGOMBA KUMENYA KO IJWI RYAWE RIKEENEWE.

Hano hari ubusobanuro ukeneye kumenya kugirango upange gahunda yogutora mumutekano kandi wirinda.

### WABA UFITE UBWENEGIHUGU

Niba utabufite, nyabuneka sangiza iyi nkuru kunshuti nu muryango bafite ubwenegihugu.

Niba ufite ubwenegihugu waba wariyandikishe kugirango uzatore

Niba utariyandikishije , kurikira uru rutonde ryibyo ugomba gukurikiza.

### KWIYANDIKISHA GUTORA

**Mbere yu munsi wamatora:** Uzajye ku biro byumujiyi wa Concord biri kuri **41 Green St, Concord, NH 03301**

**Kumunsi wamatora ahazabera amatora \*** reba munsi aha kugirango umenye aho uzatorera\*

#### Urasabwa kwitwaza ibi bikurikira:

- ID yawe cyangwa icyangombwa cyo gutwara imodoka.changwa
- Icyerekena aho utuye ( Icyangombwa cyubu kode, fagitire yu muriro)
- Icyemezo cy'ubwenegihugu.
- Agapfuka munwa cyangwa masike, uzi twaze ikaramu yo kwandikisha.

Niba wariyandikishije mu gutora: waba ufite gahunda yo gutorera murugo cyangwa uzitabira umunsi wamatora kubiro byitora ?

Abaturage ba NH bashobora gutora bari murugo uyumwaka kubera bitewenikibazo cyicyorezo cya korona.

## **NIBA UHISEMO GUTORA UDAHARI.**

### **INTAMBWE YA 1 NI UGUSABA IMPAPURO ZIKWEMERERA GUTORERA MURUGO.**

Ugiye kururu rubuga wasohora izo mpapuro zogutora udahari;

<https://sos.nh.gov/elections/voters/absentee-ballots/request-an-absentee-ballot/>

Urangijye wozohereza kuri Posita,kuzi faxa cyangwa ukazijyana zuzuye kubiro by'umujyi wawe.

### **INTAMBWE YA 2 : KUZUA IMPAPURO ZI KWEMERERA GUTORA UDAHARI.**

Umaze kubona izompampuro kurikiza amabwiriza yanditse kurizo mpapuro, azakwereka uko wuzuzuza mumyanya yabigenewe.

- Ntukoreshe marikeri, uzakoreshe ikaramu cyangwa ikereyo.
- Uza hitemo ahanditse impungenge za korona ko ariyo mpamvu uri gutora murugo.

\*Ntuzibagirwe kushyiraho umukono wawe cyangwa sinyatire yawe kwibahasha iri imbere.

### **INTAMBWE YA 3. NI UKUGARURA IMPAPURO WARANGIJE KUZUA.**

Uzasubizeyo izo mpapuro zisaba gutora uri murugo vuba bishoboka

\* Ubu kuva tariki 21 zukwa 10 , igihe cyararenze cyo kohereza impapuro kuri posta.

**Amahitamo ya 1.** Ni ukuzijyanira ku biro byu mujyi bikwegereye mbere yumunsi wamatora. \* bitarenze saa kumi zumugoroba tariki 2 zukwa 11.

**Amahitamo ya 2.** Ni ukwizanira izo mpapuro aho abandi bazatorera bitarenze saa kumi nimwe zumugoroba (5:00).

Ushobora gusuzuma neza ukareba niba abakora mubiro byumuji ba barakiriye izo mpapuro cyangwa niba zabagezeho kuri uru rubuga rwumunyamabanga wa leta ya New Hampshire  
<https://app.sos.nh.gov/Public/AbsenteeBallot.aspx>

## **UKO UZAJYAYO/UBUSAFIRI**

Niba ukeneye ubufasha bwo kukugeza aho ushyira impapuro zo gutora udahari mbere yumunsi wamatora cyangwa kuwyayo gutora kumunsi bazatoreraho, nyabuneka hamagara umuryango wa Overcomers Refugee Services kuri 603-856-7507/603 715 0844 ushobora no kohereza ubutumwa kuri [outreach@overcomersnh.org](mailto:outreach@overcomersnh.org) / [director@overcomersnh.org](mailto:director@overcomersnh.org) bazagufasha

## GUTORA UHIBEREYE, KUMUNSI WAMATORA TARIKI 3 ZUKWA 11

Waba uzi aho amatora azabera

- **Shaka hano:** <https://app.sos.nh.gov/Public/PollingPlaceSearch.aspx>
- \*nyabuneka wibuke niба uri mugace cyangwa karitiye 2, 7, 9, ahantu ho gutorera harahinduwe- reba hasi aha  
( mbere abatoreraga kuri West Congregational Church, West Street Ward House, Havenwood)
- Ahantu ho gutorera harafunguye guhera saa moya za mugitondo (7PM) kugeza saa moya za nimugoroba (7PM)
- Uzibuke kwitwaza icyangomwa cyogutwara imodoka cyangwa ID yawe isanzwe iriho ifoto yawe.  
\*keretse utariyandikishije gutora, naho ushobora kureba hejuru kubirebana nibyo ukeneye kwitwaza ugiye gutora\*.

## AHANTU HO GUTORERA BIKURIKIRANIJE NA KARITIYE UTUYEMO.

*Wibuke utunyenyeri tubiri (2) \*\* turi aherekana ahantu hashyashya mumwaka wa 2020*

karitiye 1	Immaculate Conception Church Bonney Street, Penacook
karitiye 2**	Barn at Bull Meadow, 63 Bog Road ( <i>mbere hari: West Congregational Church</i> )
karitiye 3	Beaver Meadow Golf Course 1 Beaver Meadow Street (Off Sewalls Falls Rd)
karitiye 4	Boys & Girls Club of Greater Concord, 55 Bradley Street
karitiye 5	Green Street Community Center, 39 Green Street
karitiye 6	Christ the King Parish Hall 72 South Main St. uzakoreshe Thorndike Street Entrance aho binjirira
karitiye 7**	Abbot-Downing School, 152 South Street ( <i>prev: West St. Ward House</i> )
karitiye 8	Bektash Temple 189 Pembroke Road
karitiye 9**	Citywide Community Center, 14 Canterbury Road ( <i>mbere har: Havenwood</i> )
karitiye 10	Broken Ground School 51 South Curtisville Road